

ITEKA RYA MINISITIRI N° 008/26/10/TC RYO KU WA 24/09/2026 RIGENA IBISABWA KUGIRA NGO IKIGO CY'IMARI ICIRIRITSE CYAKIRA AMAFARANGA ABITSWA CYONGERERWE IGIHE CYO GUSORA UMUSORO KU NYUNGU Z'AMASOSIYETE KU GIPIMO CYA 0% <u>ISHAKIRO</u> <u>Ingingo ya mbere:</u> Kongera igihe cyo gusora umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku gipimo cya 0% <u>Ingingo ya 2:</u> Ibikwiye kubahirizwa kugira ngo hongere igihe cyo kwishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku gipimo cya 0% <u>Ingingo ya 3:</u> Gusaba kongererwa igihe cyo kwishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku gipimo cya 0% <u>Ingingo ya 4:</u> Ingingo y'ururimi <u>Ingingo ya 5:</u> Gutangira gukurikizwa	MINISTERIAL ORDER N° 008/26/10/TC OF 24/09/2026 DETERMINING CONDITIONS FOR EXTENDING THE PERIOD OF APPLICATION OF THE 0% CORPORATE INCOME TAX RATE FOR A DEPOSIT-TAKING MICROFINANCE INSTITUTION <u>TABLE OF CONTENTS</u> <u>Article One:</u> Extension of the period of application of the 0% corporate income tax rate <u>Article 2:</u> Required conditions for extension of the period of application of the 0% corporate income tax rate <u>Article 3:</u> Request for extension of the period of application of the 0% corporate income tax rate <u>Article 4:</u> Language provision <u>Article 5:</u> Entry into force	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 008/26/10/TC DU 24/09/2026 DÉTERMINANT LES CONDITIONS DE PROROGATION DE LA PÉRIODE D'APPLICATION DU TAUX DE 0 % DE L'IMPÔT SUR LES BÉNÉFICES DES SOCIÉTÉS POUR UNE INSTITUTION DE MICROFINANCE DE DÉPÔT <u>TABLE DES MATIÈRES</u> <u>Article premier:</u> Prorogation de la période d'application du taux de 0 % de l'impôt sur les bénéfices des sociétés <u>Article 2:</u> Conditions requises pour la prorogation de la période d'application du taux de 0 % de l'impôt sur les bénéfices des sociétés <u>Article 3:</u> Demande de prorogation de la période d'application du taux de 0 % de l'impôt sur les bénéfices des sociétés <u>Article 4:</u> Disposition linguistique <u>Article 5:</u> Entrée en vigueur
--	--	--

ITEKA RYA MINISITIRI N° 008/26/10/TC RYO KU WA 24/09/2026 RIGENA IBISABWA KUGIRA NGO IKIGO CY'IMARI ICIRIRITSE CYAKIRA AMAFARANGA ABITSWA CYONGERERWE IGIHE CYO GUSORA UMUSORO KU NYUNGU Z'AMASOSIYETE KU GIPIMO CYA 0%	MINISTERIAL ORDER N° 008/26/10/TC OF 24/09/2026 DETERMINING CONDITIONS FOR EXTENDING THE PERIOD OF APPLICATION OF THE 0% CORPORATE INCOME TAX RATE FOR A DEPOSIT-TAKING MICROFINANCE INSTITUTION	ARRÊTÉ MINISTÉRIEL N° 008/26/10/TC DU 24/09/2026 DÉTERMINANT LES CONDITIONS DE PROROGATION DE LA PÉRIODE D'APPLICATION DU TAUX DE 0 % DE L'IMPÔT SUR LES BÉNÉFICES DES SOCIÉTÉS POUR UNE INSTITUTION DE MICROFINANCE DE DÉPÔT
Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi;	The Minister of Finance and Economic Planning;	Le Ministre des Finances et de la Planification Économique;
Ashingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda;	Vu la Constitution de la République du Rwanda;
Ashingiye ku Itegeko n° 027/2022 ryo ku wa 20/10/2022 rishyiraho imisoro ku musaruro nk'uko ryahinduwe, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 46;	Pursuant to Law n° 027/2022 of 20/10/2022 establishing taxes on income as amended, especially in Article 46;	Vu la Loi n° 027/2022 du 20/10/2022 établissant les impôts sur le revenu telle que modifiée, spécialement en son article 46;
Inama y'Abaminisitiri yateranye ku wa 30/06/2026, imaze kubisuzuma no kubyemeza;	After consideration and approval by Cabinet, in its meeting of 30/06/2026;	Après examen et adoption par le Conseil des Ministres, en sa séance du 30/06/2026;
ATEGETSE:	ORDERS:	ARRÊTE:

<u>Ingingo ya mbere:</u> Kongera igihe cyo gusora umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku gipimo cya 0% Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa cyemewe gisora umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku gipimo cya 0% mu gihe cy'imyaka itanu, guhera igihe cyemerewe. Icyo gihe gishobora kongerwa rimwe gusa iyo ikigo cyagihawe cyujuje ibisabwa biteganywa n'iri teka. <u>Ingingo ya 2:</u> Ibikwiye kubahirizwa kugira ngo hongerwe igihe cyo kwishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku gipimo cya 0% Ubuyobozi bw'imisoro bwongerera igihe cyo kwishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku gipimo cya 0% ikigo cy'imari iciriritse cyakira mafaranga abitswa cyujuje ibi bikurikira: (a) kuba gifite nibura amashami atanu akorera hanze y'Umujyi wa Kigali mu turere dutandukanye; (b) kuba gitanga inguzanyo mu buryo bukoresha ikoranabuhanga mu turere turenze dutanu kandi	<u>Article One:</u> Extension of the period of application of the 0% corporate income tax rate An approved deposit-taking microfinance institution pays corporate income tax at the rate of 0% for a period of five years from the date of its approval. This period may be renewed once if the beneficiary institution fulfills conditions determined by this Order. <u>Article 2:</u> Required conditions for extension of the period of application of the 0% corporate income tax rate The tax administration extends the period of application of the 0% corporate income tax rate to a deposit-taking microfinance institution that fulfills the following conditions: (a) to have at least five branches which operate outside the City of Kigali in different districts; (b) to grant loans through simplified digital lending to clients in more than five districts and receive	<u>Article premier:</u> Prorogation de la période d'application du taux de 0 % de l'impôt sur les bénéfices des sociétés L'institution de microfinance de dépôt agréée paie l'impôt sur les bénéfices des sociétés au taux de 0% pendant une période de cinq ans qui court à partir de la date d'agrément. Cette période peut être renouvelée une seule fois si l'institution bénéficiaire remplit les conditions déterminées par le présent arrêté. <u>Article 2:</u> Conditions requises pour la prorogation de la période d'application du taux de 0 % de l'impôt sur les bénéfices des sociétés L'administration fiscale proroge la période d'application du taux de 0 % de l'impôt sur les bénéfices des sociétés à une institution de microfinance de dépôt remplissant les conditions suivantes : (a) avoir au moins cinq succursales qui opèrent en dehors de la Ville de Kigali dans différents districts ; (b) accorder des crédits par le biais du prêt numérique simplifié à des clients dans plus de cinq districts et
--	--	--

kikakira ubwizigame; (c) kudatanga inyungu ku migabane zishyurwa abanyamigabane guhera ku munsu gukurirwaho gutanga umusoro ku nyungu z'amasosiyete byemerewe ku nshuro ya mbere; (d) kugira inguzanyo zitishyurwa neza zitarenze 10%; (e) kuba gitanga raporo kuri Banki Nkuru y'u Rwanda hakurikijwe ibiteganywa n'itegeko rigenga ibikorwa by'imari iciriritse; (f) kuba gifite icyemezo cy'ubudakemwa mu misoro gitangwa n'ubuyobozi bw'imisoro. <u>Ingingo ya 3:</u> Gusaba kongererwa igihe cyo kwishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku gipimo cya 0% (1) Ikigo cy'imari iciriritse cyakira amafaranga abitswa gisaba mu nyandiko ubuyobozi bw'imisoro kongererwa igihe cyo kwishyura umusoro ku nyungu z'amasosiyete ku gipimo cya 0%.	savings; (c) not to distribute dividends from the day the initial tax holiday was granted; (d) to have non-performing loans not exceeding 10%; (e) to report to the National Bank of Rwanda in accordance with the law governing microfinance activities; (f) to be in possession of a tax clearance certificate issued by the tax administration. <u>Article 3:</u> Request for extension of the period of application of the 0% corporate income tax rate (1) A deposit-taking microfinance institution requests the tax administration in writing for the extension of the period of application of the 0% corporate income tax rate.	recevoir de l'épargne ; (c) ne pas distribuer des dividendes à partir du jour d'octroi de l'exonération fiscale initiale ; (d) avoir des prêts improductifs ne dépassant pas 10% ; (e) soumettre un rapport à la Banque Nationale du Rwanda conformément à la loi régissant les activités de microfinance ; (f) être en possession d'un quitus fiscal délivré par l'administration fiscale. <u>Article 3:</u> Demande de prorogation de la période d'application du taux de 0 % de l'impôt sur les bénéfices des sociétés (1) Une institution de microfinance de dépôt demande par écrit à l'administration fiscale la prorogation de la période d'application du taux de 0 % de l'impôt sur les bénéfices des sociétés.
--	--	--

(2) Ubuyobozi bw'imisoro, bumaze kugisha inama Banki Nkuru y'u Rwanda no kwemera ko ubusabe bwujuje ibisabwa, bwongerera igihe usora wasabye, bukanabimumenyesha mu nyandiko. <u>Ingingo ya 4: Ingingo y'ururimi</u> Iri teka ryateguwe mu rurimi rw'Ikinyarwanda. <u>Ingingo ya 5: Gutangira gukurikizwa</u> Iri teka ritangira gukurikizwa ku munsu ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	(2) After consultation with the National Bank of Rwanda, and upon confirmation of the fulfillment of the required conditions, the tax administration approves the request for extension and informs the taxpayer, in writing. <u>Article 4: Language provision</u> This Order was drafted in Ikinyarwanda. <u>Article 5: Entry into force</u> This Order comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	(2) Après consultation avec la Banque Nationale du Rwanda, et après confirmation de la réalisation des conditions requises, l'administration fiscale approuve la demande de prorogation et en informe le contribuable, par écrit. <u>Article 4 : Disposition linguistique</u> Le présent arrêté a été rédigé en Ikinyarwanda. <u>Article 5 : Entrée en vigueur</u> Le présent arrêté entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.
--	--	--

Kigali, 24/09/2026

(sé)

MURANGWA Yusuf

Minisitiri w'Imari n'Igenamigambi
Minister of Finance and Economic Planning
Ministre des Finances et de la Planification Économique

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:

Seen and sealed with the Seal of the Republic:

Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel

Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux